REPUBULIKA Y'U RWANDA

INTEKO Y'UMUCO

ACADÉMIE DU PATRIMOINE CULTUREL DU RWANDA

# ITANGAZO RY'AMARUSHANWA YO GUHANGA IMIVUGO MU KINYARWANDA

Mu bikorwa biteganyijwe mu kwizihiza Umunsi Mpuzamahanga w'Ururimi Kavukire uzaba ku ya 21 Gashyantare 2023, Inteko y'Umuco yateguye amarushanwa y'imivugo azakorwa n'abanyeshuri bo mu mashuri yisumbuye n'ay'ubumenyi ngiro, kaminuza n'amashuri makuru. Aya marushanwa agamije gukangurira Abanyarwanda by'umwihariko urubyiruko kubungabunga Ikinyarwanda, ingobyi y'umuco n'umurage by'u Rwanda no kuzirikana indangagaciro z'umuco nyarwanda biciye mu buhanzi bukozwe mu Kinyarwanda kinoze kandi kimakaza umuco nyarwanda.

Uyu ukaba kandi ari umusanzu ukomeye mu bukangurambaga bwo kwimakaza umuco n'indangagaciro zawo Inteko y'Umuco ifatanyije n'izindi nzego yatangiye mu mashuri.

## 1. Abarebwa n'amarushanwa :

Aya marushanwa azitabirwa n'ibyiciro bikurikira:

- Icyiciro cy'abanyeshuri biga mu mashuri yisumbuye n'ay'ubumenyi ngiro, bazarushanwa mu buhanzi bw'imivugo mu Kinyarwanda kinoze ku nsanganyamatsiko igira iti: *"Uruhare rw'Ingoro ndangamurage z'u Rwanda mu gusigasira no kumenyekanisha umurage nyarwanda"*.

- Icyiciro cy'abanyeshuri biga mu mashuri makuru na kaminuza (yaba ari aya Leta cyangwa ayigenga), bazarushanwa mu buhanzi bw'imivugo mu Kinyarwanda kinoze ku nsanganyamatsiko igira iti: *"Uruhare rw'urubyiruko mu kwimakaza indangagaciro na kirazira zishamikiye ku ndngagaciro remezo y'Ubupfura"* (Aha twasangamo indangagaciro yo Kwiyubaha, Kugira umutima, kwanga umugayo,...)[1]

[1] Agatabo gakubiyemo indangagaciro remezo mwagasanga ku rubuga rw'Inteko y'Umuco: www.rwandaheritage.gov.rw

### 3. Uko amarushanwa azakorwa

Abanyeshuri bazarushanwa mu mivugo bazoherereza ibihangano byabo bwite ku Inteko y'Umuco kuri murandasi bifashishije imeri zikurikira:

info@rwandaheritage.gov.rw na ymurego@rwaheritage.gov.rw / jniyomugaba@rwandaheritage.gov.rw

- **Imivugo irushanwa igomba kuba:**

  - Ari umwimerere wa nyirayo;
  - Yanditse mu Kinyarwanda kinoze kandi igaragaza ko ari ubuhanzi koko;
  - Ihimbye hakurikijwe insanganyamatsiko yatanzwe.

Itariki ntarengwa yo kwakira imivugo ni iya 10 Mutarama 2023 isaa kumi n'imwe z'umugoroba (17:00).

- **Uko inyandiko y'umuvugo igomba kuba iteye:**

Inyandiko y'umuvugo ntigomba kujya munsi y'impapuro eshatu (3) kandi ntirenze impapuro eshanu (5) (Umuvugo utari munsi y'iminota (3) kandi utarengeje imota itanu mu gihe cyo kuwusesekaza), zanditse kuri mudasobwa, hatabariwemo urupapuro ruriho umwirondoro wa nyiri umuvugo..

Urupapuro rwa mbere rugomba kuba ruriho umwirondoro w'umunyeshuri gusa.

*(Amazina ya nyirayo, ikigo/ishuri/Kaminuza yigamo, Umurenge n'Akarere ishuri ribarizwamo. Uru rupapuro rugomba kuba rwometseho kandi fotokopi y'ikarita y'ishuri).*

Inyandiko zigomba kuba zanditse mu buryo bukurikira:

- Urupapuro **A4**
- Imiterere y'urupapuro : **Urupapuro ruhagaze (Portrait)**
- Imiterere: **Times New Roman**
- Ubunini bw'inyuguti: **14**
- Umwanya hagati y'imirongo: **1.5**
- Umwandiko ugomba kuba uri **MS Word**.
- Inyandiko ziri muri **PDF** ntizemewe.

Igihangano cy'umuvugo cyoherezwa mu butumwa bumwe kuri imeri zavuzwe haruguru. Ku mutwe w'ubutumwa bwa imeri handikwa: *"Amarushanwa y'Imivugo"*.

**4. Ibihembo**

Ibihangano bizarusha ibindi Inteko y'Umuco izabigenera ibihembo ku buryo bukurikira:

A) Ibihembo bizatangwa muri buri cyiciro (Amashuri yisumbuye n'uyubumenyingiro / kaminuza n'amashuri makuru).
B) Hazahembwa imivugo 15 ya mbere muri buri cyiciro.

*Uwa mbere:* Amafaranga y'u Rwanda ibihumbi magana abiri (200.000 Frw);
*Uwa kabiri:* Amafaranga y'u Rwanda ibihumbi ijana na mirongo itanu (150.000 Frw);
*Uwa gatatu:* Amafaranga y'u Rwanda ibihumbi ijana (100.000 Frw);
*Abasigaye(12 muri buri cyiciro):* Amafaranga y'u Rwanda ibihumbi mirongo itanu (50.000 Frw) buri wese.

Imivugo izahiga iyindi muri aya marushanwa izakorwamo ibitabo bibiri:

- Igitabo cy'imivugo 15 yahize indi mu yahimbwe n'abanyeshuri bo mu mashuri yisumbuye.
- Igitabo cy'imivugo 15 yahize indi mu yahimbwe n'abanyeshuri bo mu mashuri makuru na Kaminuza.

C) Ibihangano by'imivugo bizaba byahembwe ku myanya itatu (3) ya mbere muri aya marushanwa, muri buri cyiciro, Inteko y'Umuco izafasha ba nyirabyo kubifata mu majwi n'amashusho.
D) Ibihangano bizahembwa muri aya marushanwa bihita biba umutungo w'Inteko y'Umuco

Bikorewe i Huye, 11 Ugushyingo 2022.

**Amb. MASOZERA Robert**
**Intebe y'Inteko/Inteko y'Umuco**